
Maahanmuuttovirasto
Migrationsverket
Finnish Immigration Service

# Usaba ubuhungiro: kwitabira ibazwa rikorewe kuri videwo uri mu kigo gifungirwamwo abasaba ubuhungiro




Ibiro bishinzwe abinjira n’abasohoka (imigarasiyo)byaguhamagaye mw’ibazwa, rizakorerwa kw’iyakure ya videwo. Mbere y’ibazwa wabanje kubazwa niba wemera ko hakoreshwa iyakure kuri videwo. Ibazwa rikorerwa kuri videwo y’iyakure bishatse kuvuga ko umukozi wa Imigarasiyo aba ari mu biro bye mu kigo gishinzwe abinjira n’abasohoka, wowe ukaba ugaragara kuri videwo uri mu kigo gifungirwamwo abasaba ubuhungiro. Twagushakiye aho uza kuba uri mu gihe cy’ibazwa ryawe ndetse n’ibikoresho bikenewe.

## Ibazwa rikorerwe kuri videwo ntacyo rihindura ku bikubiye mw’ibazwa.



Ilbivugwa mw’ibazwa ni bimwe, byakorerwa kuri videwo cyangwa se byakorwa ubaza n’ubazwa bari mu cyumba kimwe.

## Oherereza Imigarasiyo ibindi bisobanuro mbere y’ibazwa ryawe.



Niba mbere y’ibazwa ryawe ufite inyandiko cyangwa ibindi bisobanuro byfasha ubusabe bwawe, byohereze mw’ishami rishinzwe iby’ubuhungiro muri Imigarasiyo cyagwa k’umuntu ukwunganira hakiri kare mbere y’igihe cy’ibazwa. Ariko niba ibazwa ryawe risigaje igihe gito cyane, izo nyandiko waza uzitwaje mw’ibazwa.

## Ng’uku uko ibazwa rikoresheje iyakure ya videwo rikorwa



Umukozi wo mu kigo gifungirwamwo abasaba ubuhungiro aguha inyandiko iguhamagara mw’ibazwa n’amabwiriza ajyanye n’ibazwa. Mu nyandiko iguhamagara mw’ibazwa umenyeshwa igihe ibazwa rizakorerwa. Ugomba kuba wahageze nibura iminota 15 mbere yo gutangira ibazwa.





Mw'ibazwa witwaza ikarita y'umukiriya. Umukozi wo mukigo gifungirwamwo abasaba ubuhungiro abanza kureba neza niba iyo karita ari iyawe koko mbere y'uko ibazwa ritangira.


Buri wese usaba ubuhungiro afite uburenganzira kw'ibazwa rimugenewe ubwe. Niba ufite umugore cyangwa abana muri Finilandi ntibashobora kuza mw'ibazwa ryawe.



Umukozi wo mukigo gifungirwamwo abasaba ubuhungiro akujyana ahateganirijwe ibazwa ryawe. Akubwira uwo wakwiyambaza habaye ikibazo mu gihe cy'ibazwa nk'urugero niba videwo yihagaritse ubwayo.



Tuguhamagara kuri videwo iyo igihe cy'ibazwa kigeze nk'uko twakikumenyesheje mw'ibaruwa iguhamagara mw'ibazwa. Mw'ibazwa twaguteganirije umusemuzi, asemura ibivuzwe byose mw'ibazwa. Umusemuzi nawe aba ari kuri videwo.



Iyo birangiye ibazwa dusuzumira hamwe nawe, ku buryo bw'ikoranabuhanga rya video, inyandikomvugo yose cyangwa igice cyayo. Iyo mudasuzumiye hamwe inyandikomvugo yose mu gihe cy'ibazwa uhabwa itariki ntarengwa yo kohereza inyongera cyangwa ibyo wakosoye mu nyandikomvugo. Tuzakohererereza mw'iposita kopi yawe y'iyo nyandikomvugo, ushobora kwibikira ubwawe.